NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

**Kigali, Kuwa 16 Ukuboza 2025**

**Umusaruro mbumbe w'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2025**

Mu gihembwe cya gatatu cya 2025, umusaruro mbumbe wari miliyari 5.525 z'amafaranga y'u Rwanda, uvuye kuri miliyari 4.659 mu gihembwe cya gatatu cya 2024. Serivisi zatanze 57% by'umusaruro mbumbe, ubuhinzi butanga 15%, inganda zitanga 22% naho ibindi bisigaye bigira 6%.

Muri iki gihembwe, umusaruro mbumbe wiyongereye ku rugero rwa 11,8% nyuma yo kwiyongera ku rugero rwa 7,8% mu gihembwe cya kabiri na 6,5% mu gihembwe cya mbere.

Mu byiciro by'ubukungu, umusaruro wiyongereye ku buryo bukurikira:

- ⇨ Ubuhinzi: 10%,
- ⇨ Inganda: 17%
- ⇨ Serivisi: 10%

**Mu buhinzi**, umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo wiyongereyo 4%. Umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga wiyongeraho 35%, harimo umusaruro w'ikawa wiyongereyeho 32%, uw'icyayi wiyongeraho 100%.

**Mu nganda**, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bwazamutseho 14%, umusaruro ukomoka ku mirimo y'ubwubatsi wiyongereyeho 20%, mu gihe umusaruro w'inganda zitunganya ibintu bitandukanye wiyongereyeho 14%.

Umusaruro w' inganda zitunganya ibintu bitandukanye wiyongereye ahanini bitewe n'izamuka rya 44% ry'umusaruro w'inganda zitunganya ibikoresho biva mu ibumba ndetse n'izikora sima, izamuka rya 28% ry'umusaruro w'inganda zitunganya ibyuma, izamuka rya 25% ry'umusaruro w'inganda zikora ibikomoka ku binyabutabire na plasitike, ndetse n'izamuka rya 12% ry'umusaruro w'inganda zitunganya ibiribwa.

**Muri serivisi**, ubucurizi buranguza n'ubudandaza bwazamutseho 20%, umusaruro wa serivisi z'ubwikorezi uzamukaho 9% harimo ubwikorezi bwo ku butaka bwiyongereyeho 10%.

**Mu zindi serivisi**, umusaruro wa serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho wazamutseho 17%, umusaruro w'ibigo by'imari uzamukaho 10%, mu gihe umusaruro wa serivisi zo gucumbikira abantu (hoteri) na resitora wagabanutseho 3%. Umusaruro wa serivisi z'ubuyobozi bwite bwa Leta wiyongereho 7%, umusaruro wa serivisi z'uburezi wiyongeraho 5%, mu gihe umusaruro wa serivisi z'ubuzima wagabanutseho 16%.

Ku bindi bisobanuro birambuye, mwasura urubuga : **www.statistics.gov.rw**

**MURENZI Ivan**
**Umuyobozi Mukuru**